# 321: Mana Data wo mw ijuru

1. Mana Data wo mw ijuru , Washyingiriye Adamu Na Haw' i Paradiso, Umaze kubateranya, Ubaha n'umugish'
uti: Mub' amahoro masa. Muzabyare,—Muzaheke, Muzagwire,—Mwuzuz' isi,
Muyitegeke n'ibyayo.

2. Mujye mwitegeka neza, Mufashanye, mukundane,Murengerane mwembi. Mw
ihlrwe no mu makuba Mu bworo no mu bukire,Muzahimbaz' Imana. Mana Data,— Ubarinde,
Ngo bagume—Kuri Wowe, Mwami, jy'ubiyegereza.

3. Wa mukwe n'umugeni mwe, Nimugir'umutim'umwe,Mubane mu mahoro. Nuk'
Umucunguzi wanyu Azabakomez' iteka,Arind' urugo rwanyu, Abageze—Mw ijur' i
We, Ngo mutahe—Na bwa bukwe Bw'Umwana w'intama, Yesu.

Visit us at indirimbo.com